**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU**

# Umuhango wo gutaha ku mugaragaro sitasiyo y'amashanyarazi ya Nzove na Gahanga

Kigali, kuwa 28 Werurwe 2019 – Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Nyakubahwa Claver Gatete, yayoboye umuhango wo gutaha ku mugaragaro sitasiyo y'amashanyarazi ya Nzove na Gahanga ziherutse kuzura zikazatanga amashayarazi mu Mujyi wa Kigali, izi sitasiyo zubatswe zitewe inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi.

Urwego rw'Ingufu mu Rwanda rukomeje kwiyubaka no gutera imbere. Amashanyarazi aboneka yariyongereye, imiyoboro yayo mishya irubakwa indi yongererwa ingufu, ndetse kuri ubu u Rwanda rwihaye intego yo kuba mu mwaka wa 2024 buri munyarwanda azaba afite amashanyarazi. Ibipimo byo muri Gashyantare 2019 byerekana ko ingo zibarirwa kuri 51% mu Rwanda zifite amashanyarazi (37 bafatira ku muyoboro mugari, naho 14 ntibafatira ku muyoboro mugari abenshi bafatira ku mirasire y'izuba), naho amashanyarazi aboneka agera kuri Megawati 221.1.

Muri Werurwe 2015 Leta y'u Rwanda yasinye amasezerano n'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi y'inkunga ingana na miliyoni 23 z'amayero yo gukoreshwa mu mushinga ugamije kugabanya ingano y'ingufu z'amashanyarazi zitakara "Grid Loss Reduction project" mu rwego rwo kunoza imikorere no kugabanya ingano y'ingufu z'amashanyarazi zitakara, ndetse kuva mu mwaka wa 2013 REG yihaye intego yo kugabanya byibura 1% buri mwaka ku mashanyarazi atakara avuye kuri 23%.

Muri uyu mushinga, hatenijwe kubakwa ibirometero 27 by'umuyoboro mugari w'amashanyarazi (110kv) uhuza Jabana, Mont-Kigali na Gahanga. Hari hateganijwemo kandi gusana sitasiyo z'amashanyarazi za Mont-Kigali, Jabana na Birembo no kubaka izindi nshya ebyiri za Nzove na Gahanga ari nazo zatashywe ku mugaragaro uyu munsi. Uyu mushinga kandi uzarangira hashyizwe mubazi 8000 zifitemo ikoranabuhanga rimenya ingano y'umuri\ro utakara kuri buri gace ndetse imiyoboro ishyirweho utumashini dufasha kugabanya umuriro utakara.

1. Ubu Sitasiyo ya Nzove yubatswe muri uyu mushinga irakora kandi yongereye ubushobozi bw'amashanyarazi yoherezwa mu bice bya Nyabugogo n'uduce tuhakikije

cyane cyane ku ruganda rutunganya amazi rwa Nzove, uruganda rwa SKOL ndetse na Shyorongi.

2. Sitasiyo y'amashanyarazi ya Gahanga yo izajya itanga amashanyarazi mu bice bya Kicukiro twayahabwaga n'umuyoboro wa Gasogi (aturutse kuri sitasiyo ya Gikondo), bityo yorohereze uyu muyoboro wa Gasogi wari umaze kuremererwa. Umuyoboro wa kabiri ushamikiyeho uzatanga amashanyarazi ku gakiriro ka Kicukiro ndetse n'uruganda rwa "Master Steel" ruherereye I Gahanga.

Minisitiri w'Ibikorwaremezo, Nyakubahwa Claver Gatete, yashimye Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi avuga ko iyi nkunga wahaye u Rwanda irimo gufasha bikomeye ibikorwa byo kuvugurura imiyoboro y'amashanyarazi mu Rwanda.

Yagize ati "Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi ukomeje gufasha u Rwanda muri gahunda zitandukanye. Ubu turabona impinduka nziza ku buziranenge bw'amashanyarazi atangwa mu Mujyi wa Kigali kubera uyu mushinga duterwamo inkunga n'uyu muryango w'ubumwe bw'uburayi"

Umuyobozi Mukuru wa REG, Eng. Ron Weiss yavuze ko uyu mushinga watumye amashanyarazi mu Mujyi wa Kigali atagicikagurika cyangwa ngo abe make.

Yagize ati "Ingano y'umuriro utakara yaragabanutse iva kuri 21.1 mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017 ujya kuri 19.1 mu mwaka ushize (2017-2018). Ubu turateganya ko muri uyu mwaka tuzongera tukagabanyaho 1% kandi turabyizeye kubera iyi mishinga yo kongerera ingufu imiyoboro ikomeje hirya no hino mu gihugu".

**Ku yandi makuru mwabaza;**

Mr. Prosper MUBERA BIRORI- Ag. Coordinator of External Link-REG

Tel: +250-788307655

Mr. Jean Paul NYIRINDEKWE-Communications Officer-MININFRA

Tel; +250-788352030

**END**